Kigali, le 20 sept. 1968

...LIQUE RWANDAISE
...ISTERE DE LA FAMILLE ET
...U DEVELOPPEMENT COM-
MUNAUTAIRE.-

N°221/06/062/1639/68.-

Binyujijwe kuli Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi
i Kigali.

Bimenyeshejwe Bwana Agronome wa Prefegitura
ya Butare........

Bimenyeshejwe Bwana Bourgmestri wa Komine Nyakizu...

Bimenyeshejwe Bwana. Rukwavu Melchiad
Umuyobozi wa Komite y'amajyambere muli Komine
Nyakizu..

Bimenyeshejwe Bwana Diregiteri generali w'ubuhinzi
n'ubworozi i Kigali.

Kuli Bwana. Higiro C.
Umuyobozi w'urubyiruko muli Komine.. Nyakizu......

Bwana,

Ubwo muherutse kugira inama y'urubyiruko mu kwezi kwa gatanu 68, benshi muli mwe bemezaga ko badashoboye gutangira ibikorwa bya kijyambere kubera amafaranga make, cyangwa se kubura imbuto.

Ngirango abenshi bamaze kubona yuko byoroshye kuko ibikorwa byabo byagaragaye bikabahesha ishema bo n'abategetsi ba Komini batuyemo. Nizeye ko n'andi makipi azakulikira urwo rugero asunitswe na Komite z'amajyambere, Burgmestri, agronome, veterineri, Depite n'abandi bose bashoboye kugira inama urubyiruko.

Kugirango rero imilimo mwatangiye ikomeze gutera imbere, ibyiza ni uko mwahinga imbuto zatoranijwe n'abahanga kandi muzahinga ku buryo agronome abigishije. Izo mbuto mushobora kuzihabwa na Agronome wa Prefegitura yanyu kandi akababwira n'uburyo muzazishyura mumaze gusarura. Muzilinde guhinga amoko menshi cyane, amoko abili cyangwa se atatu gusa arahagije kugirango buli bwoko bugire umusaruro uhamye ushobora kugulishwa bitaruhije.

Ikindi, muzapime ubunini bw'imilima yanyu, mupime n'ubunini bwa buli gipande muteyemo buli bwoko bw'imbuto, maze mubinyohereze. Uwo mulimo wo gupima amasambu yanyu agronome ubegereye azabibafashamo nimubisaba. Mbasabye kubigira vuba kuko igihe cy'ihinga kigiye kurenga.

Mugire amahoro n'Ubutwali.

MINISTRI W'AMAJYAMBERE Y'INGO
N'AY'UBUFATANYE BW'ABATURAGE,

Au. KAMOSO.

Po [signature]

Kigali, le 20 sept. 1968

N°221/06/062/1639/68.-

UBLIQUE RWANDAISE
NISTERE DE LA FAMILLE ET
DU DEVELOPPEMENT COM-
MUNAUTAIRE.-

Binyujijwe kuli Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi
i Kigali.

Bimenyeshejwe Bwana Agronome wa Prefegitura
ya..Butare......

Bimenyeshejwe Bwana Bourgmestri wa Komine...Muyira......

Bimenyeshejwe Bwana.......///.......
Umuyobozi wa Komite y'amajyambere muli Komine
Muyira........

Bimenyeshejwe Bwana Diregiteri generali w'ubuhinzi
n'ubworozi i Kigali.

Kuli Bwana..Birekeraho Joseph..........
Umuyobozi w'urubyiruko muli Komine..Muyira...........

Bwana,

Ubwo muherutse kugira inama y'urubyiruko mu kwezi kwa gatanu 68, benshi muli mwe bemezaga ko badashoboye gutangira ibikorwa bya kijyambere kubera amafaranga make, cyangwa se kubura imbuto.

Ngirango abenshi bamaze kubona yuko byoroshye kuko ibikorwa byabo byagaragaye bikabahesha ishema bo n'abategetsi ba Komini batuyemo. Nizeye ko n'andi makipi azakulikira urwo rugero asunitswe na Komite z'amajyambere, Burgmestri, agronome, veterineri, Depite n'abandi bose bashoboye kugira inama urubyiruko.

Kugirango rero imilimo mwatangiye ikomeze gutera imbere, ibyiza ni uko mwahinga imbuto zatoranijwe n'abahanga kandi muzahinga ku buryo agronome abigishije. Izo mbuto mushobora kuzihabwa na Agronome wa Prefegitura yanyu kandi akababwira n'uburyo muzazishyura mumaze gusarura. Muzilinde guhinga amoko menshi cyane, amoko abili cyangwa se atatu gusa arahagije kugirango buli bwoko bugire umusaruro uhamye ushobora kugulishwa bitaruhije.

Ikindi, muzapime ubunini bw'imilima yanyu, mupime n'ubunini bwa buli gipande muteyemo buli bwoko bw'imbuto, maze mubinyohereze. Uwo mulimo wo gupima amasambu yanyu agronome ubegereye azabibafashamo nimubisaba. Mbasabye kubigira vuba kuko igihe cy'ihinga kigiye kurenga.

Mugire amahoro n'Ubutwali.

MINISTRI W'AMAJYAMBERE Y'INGO
N'AY'UBUFATANYE BW'ABATURAGE,

Au. KAMOSO.